REPUBULIKA Y'U RWANDA

RAPORO IHINNYE Y'INAMA YA GATANDATU Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO

Kigali,18-19 Ukuboza 2008

REPUBULIKA Y'U RWANDA

RAPORO IHINNYE Y'INAMA YA GATANDATU Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO

Kigali,18-19 Ukuboza 2008

IBIKUBIYEMO

I. Intangiriro.....3
II. Intego z'inama.....3
III. Uko inama yagenze.....4
IV. Imyanzuro.....7
A. Mu rwego rw'Imiyoborere Myiza.....7
B. Mu rwego rw'Ubutabera.....8
C. Mu rwego rw'Imibereho Myiza.....9
D. Mu rwego rw'Ubukungu.....10
V. Umusozo.....11
VI. Imigereka.....13
-Umugereka wa mbere: Ijambo rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ryo gutangiza inama.....14
-Umugereka wa kabiri: Ijambo rya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe....20
-Umugereka wa gatatu: Ijambo rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ryo gusoza inama.....33

I.INTANGIRIRO

Inama ya Gatandatu y'Igihugu y'Umushyikirano yateranye kuva ku itariki ya 18 kugera ku ya 19 Ukuboza 2008, mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko, iyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul Kagame. Yahuje abantu 900 bahagarariye Inama Njyanama za buri Karere n'Umujyi wa Kigali, Abagize Guverinoma, Inteko Ishinga Amategeko (imitwe yombi), Abakuru b'Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, abahagarariye inzego z'Ubucamanza n'iz'Umutekano, abikorera, abahagarariye Sosiyete Sivile (amadini n'indi miryango itegamiye Leta), abahagarariye ibihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda, abahagarariye abanyarwanda baba mu mahanga (Diaspora), abayobozi b'ibyiciro binyuranye batumiwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika.

Iyi nama ya Gatandatu y'Igihugu y'Umushyikirano yahujwe kandi n'Inama Ngishwanama ya Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside iteranye ku nshuro ya mbere, n'umuhango wo kwesa imihigo y'umwaka wa 2008 no guhiga iy'uwa 2009 by'Uturere n'Umujyi wa Kigali.

II.INTEGO Z'INAMA

Iyi nama yari igamije:

1. Kugeza ku bayitabiriye raporo y'uburyo imyanzuro yavuye mu Nama ya Gatanu y'Igihugu y'Umushyikirano yashyizwe mu bikorwa;
2. Kuganira mu bwisanzure ntawe uhejwe kandi abantu bavugisha ukuri ;
3. Gusuzumira hamwe intambwe Igihugu kigezeho;
4. Gutanga ibitekerezo bigamije kurushaho kwihutisha iterambere no kurwanya jenoside n'ingaruka zayo;
5. Guha abaterankunga b'u Rwanda urubuga rwo kumva ibitekerezo n'ingamba Abanyarwanda bafite mu kwiteza imbere ;
6. Kwesa imihigo y'umwaka wa 2008 no guhiga iy'uwa 2009by'Uturere n'Umujyi wa Kigali.

III. UKO INAMA YAGENZE

Inama yatangijwe ku mugaragaro na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul Kagame.
Mu ijambo rye (reba umugereka wa mbere), Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yahaye ikaze abatumiwe mu nama, abashimira ko bayitabiriye.

Yakomeje avuga ko igituma abantu benshi b'ingeri zose bateranira muri iyi Nama y'Umushyikirano ari uko biba biteganyijwe ko ivugirwamo ibintu byinshi bikubiye mu biganiro biyitangwamo kandi bigibwaho impaka, iha agaciro k'ibiyivamo kajyanye n'intego Igihugu cyihaye.

Mu magambo make, yongeyeho ibikurikira:

- Icya ngombwa iyi nama igamije ni uko, mu myumvire yacu, mu mibereho yacu, uko twaba dutandukanye kose, iyi nama itwibutsa icyo duhuriraho, tugomba gushyira hamwe imbaraga zacu.
- Icyo duhuriraho twese ni amajyambere y'Igihugu cyacu; buri wese icyo yifuza ni amajyambere, ndetse turenze n'imbibi zacu tukajya muri Afurika, ifite ibihugu bitandukanye n'imico inyuranye, naho usanga icyifuzo cyayo ari icy'amajyambere.
- Muri iyi nama harasuzumirwamo uko Inshingano twihaye umwaka ushize zagezweho, harebwe ibitarashobotse uko byashoboka hashingiwe ku bushobozi buriho n'ubufatanye bw'abadutera inkunga, kugira ngo tugere ku majyambere twifuza.
- Ibiza kuganirwaho muri iyi nama byerekeye ubucuruzi n'ishoramari, ubuhinzi, uburezi, kurwanya jenoside na ruswa, guteza imbere abikorera, imiyoborere myiza, uguhuriza hamwe ibihugu bituriye akarere kamwe (Regional integration), imihigo , n'ibindi.
- Hagomba kubaho kuganira hasubizwa vuba na bwangu ibibazo bya ngombwa bikurikira: Iterambere ryakwihutishwa gute hashingiwe ku byaganiriweho? Inkunga duhabwa n'amahanga , umunsi itabonetse, twamera dute?
- Abanyarwanda bagomba kumenya ko, inkunga duhabwa aho kugira ngo imyaka tumaze tuyihabwa igende igabanyuka, ahubwo igenda

yiyongera, turi abantu bazakenera inkunga igihe cyose, nitudashaka umuti w'icyo kibazo tuzahora dusindagizwa, dukeneye gufashwa igihe cyose.

- Iyi Nama y'Umushyikirano igomba kuduha umwanya wo gutekereza aho tugeze mu gusindagizwa, kureba ko imbaraga zacu zagabanya uko gusindagizwa kuko abadusindagiza bazageraho bakarambirwa.

Yashoje ijambo rye yibutsa abitabiriye inama ko, harl aho Abanyarwanda bahisemo kuganisha Igihugu cyabo, bizatuma bava mu bukene no mu ngengabitekerezo ya jenoside.

Nyuma y'ijambo ritangiza inama, hakurikiyeho raporo ya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe (reba umugereka wa kabiri) igaragaza ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro 19 y'Inama ya Gatanu y'Igihugu y'Umushyikirano.

Minisitiri w'Intebe yavuze ko iyo raporo, ishingiye kuri gahunda ya Guverinoma, igaragaza ibyagezweho mu rwego rw'Imiyoborere myiza, Ubukungu, Ubutabera n'Imibereho myiza.
Minisitiri w'Intebe yongeyeho ko hari byinshi byagezweho, ariko ko hakiri ibikwiye kongerwamo ingufu.

Yashoje raporo ye ashimira abakoranye umwete, asaba abagize intege nke cyangwa uburangare kwisubiraho.

Abari mu nama bamaze kumva raporo ya Minisitiri w'Intebe, bagejejweho ibiganiro bikurikira:

- **Aho tugeze muri gahunda y'Imbaturabukungu (EDPRS) n'ingamba (strategies) zo kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ryayo:** iki kiganiro cyatanzwe na Bwana MUSONI James, Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi.
- **Ingamba zo kwihutisha gutuza Abanyarwanda mu midugudu:** iki kiganiro cyatanzwe na Bwana MUSONI Protais, Minisitiri w'Ubutegtsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage.

- **Ingamba zo kurwanya jenoside n'ingaruka zayo:** iki kiganiro cyatanzwe na Madamu TUYISENGE Christine, Komiseri muri Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya jenoside.

- **Ingamba zo guhashya ruswa:** iki kiganiro cyatanzwe na Bwana RUTAREMARA Tito, Umuvunyi Mukuru.

- **Ingamaba zo kugeza uburezi bw'icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye no kwigisha amasomo mu rurimi rw'Icyongereza (Nine years Basic Education and English as a medium of instruction):** iki kiganiro cyatanzwe na Bwana MUTSINDASHYAKA Théoneste, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi.

Abari mu nama bunguranye ibitekerezo ku biganiro byatanzwe bivugwa haruguru. Ibyo bitekerezo bikubiye mu myanzuro ikurikira:

IV. IMYANZURO

A. MU RWEGO RW'IMIYOBORERE MYIZA

1. Ba Guverineri bose basabwe kujya bakora imihigo y'Intara bashinzwe nk'uko ikorwa n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali.

2. Mu nzego zose z'ubuyobozi hagomba gushakwa ibikorwa bifatika bifasha kwihutisha iterambere ry'Igihugu cyacu ridashingiye ku nkunga zo hanze, ahubwo rishingiye ku mbaraga z'Abanyarwanda ubwabo.

3. Gushyiraho Inama Ngishwanama ihuza inzego zinyuranye, kugira ngo zihanahane kandi zinamenyekanishe amakuru mu buryo bwo kurwanya no guhana ruswa na corruption muri rusange.

4. Guhana mu buryo bugaragara abagaragayeho ruswa, ku buryo babona ko nta nyungu ivamo; kongerera ububasha n'inshingano Urwego rw'Umuvunyi ntizigarukire ku kwigisha gusa.

5. Gushyira ingufu mu kwigisha abaturage muri rusange, urubyiruko

by'umwihariko, ububi bwa ruswa n'ibyaha biyishamikiyeho no kurandura inzitizi zituma ikomeza kugaragara.

6. Gukangurira Abanyarwanda bose kugira imyumvire imwe ku byerekeye ingengabitekerezo ya jenoside, kuboneza urubyaro, kwihutisha gutura mu midugudu, guhuza imirima no kurwanya isuri burundu.

7. Abayobozi b'inzego z'ibanze basabwe gufasha urubyiruko kurandura inyigisho mbi bakura mu miryango yabo by'umwihariko ingengabitekerezo ya jenoside, kuyirwanya no guhangana n'ingaruka zayo hashimangirwa ubumwe bw'Abanyarwanda hifashishijwe inama, itorero, n'ibindi;

8. Gushyiraho itorero rihuriwemo n' Abayobozi Bakuru, n'Abanyamadini, n'Abikorera;

9. Kuvanaho itangwa ry'amafaranga 20.000, yakwa ku cyemezo cy'umutungo; icyo cyemezo kikajya gitangwa nk'ibindi byose bitangwa n'Ubuyobozi.

B. MU RWEGO RW'UBUTABERA

10. Gushishikariza Abanyarwanda kwitabira Inkiko Gacaca aho badohotse no kuzitangamo ubuhamya mu gihe zirimo zisoza imirimo yazo; bityo imanza zisigaye zikarangizwa neza.

11. Abakatiwe n' Inkiko Gacaca igihano cya TIG bataragikora bagomba kujya kukirangiza vuba na bwangu. Hakwiye kandi gutekerezwa uburyo TIG yakoreshwa neza ikarushaho kubyazwa umusaruro, ikavanwa muri MINIJUST ikimurirwa muri MININTER.

C. MU RWEGO RW'IMIBEREHO MYIZA

12. Gushyigikira ingamba zafashwe na Guverinoma zo kwihutisha kwigisha abana bose barangiza umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza bakajya mu cyiciro cya mbee cy'amashuri yisumbuye [9 Years

Basic Education (9YBE)] no kwigisha mu cyongereza mu mashuri yose ya Leta n'afashwa nayo.

13. Gutangaza imibare yavuye mu ibarura ry'Abazize jenoside no gushishikariza Abanyarwanda kwandika amateka y'ibyabaye muri jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

14. Gutanga ibipimo ngenderwaho byo kubaka inzibutso no gushyiraho imbago zazo; ku bufatanye hagati ya Leta n'abaturage, hakabaho kurangiza kuzubaka no kuzifata neza.

15. Kwifashisha impuguke mu Kinyarwanda kwigisha ururimi rw'Ikinyarwanda abakiri bato, kandi rugakomeza guhabwa agaciro nk'ururimi rw'Igihugu.

16. Kwigisha uburere mboneragihugu mu mashuri yose yo mu Rwanda, aya Leta n'ayigenga.

17. Gutangaza imyanzuro yavuye mu mwiherero wahuje abanyamadini n'amatorero ku byerekeye ingengabitekerezo ya jenoside no kuboneza urubyaro n'uburezi mu Rwanda;

18. Kwirinda imyanda ikomoka ku bikoresho bya plastics n'iby'ikoranabuhanga bishaje; hakarebwa uburyo byabyazwamo ibikoresho bifite akamaro.

19. Guteza imbere isuku bitari mu Mujyi wa Kigali gusa; ikitabwaho n'ahandi hose no gutoza abana hakiri kare kugira isuku bikaba umuco; ababyeyi babo n'abayobozi b'amashuri bakabigiramo uruhare rugaragara; MINEDUC, MINISANTE na MINALOC zigakurikirana ko bikorwa.

D. MU RWEGO RW'UBUKUNGU

20. Gushyiraho ingamba zatuma iterambere ry'Igihugu ryihuta kugira ngo u Rwanda rube African TIGER, hafatiwe urugero ku bihugu bya Aziya y'Iburasirazuba byihuse mu iterambere; muri urwo rwego hatekerezwa

uburyo hashyirwaho Sovereign Development Fund mu rwego rwo kunganira ingengo y'imari.

21. Kwihutisha, mu gihe kitarenze imyaka 3, kujyana serivisi z'amabanki n'ibigo by'imari muri buri Karere n'Umurenge, kandi umubare w'abakorana n'amabanki n'ibigo by'imari ukiyongera.

22. Ubumenyi n'ubushakashatsi bigomba guhindurwamo business.

23. Guteza imbere uburyo bwo kwishyurana hakoreshejwe amakonti (transfers), kandi Serivisi za Leta zikaba intangarugero.

24. Gufasha imirenge 4 yo mu Karere ka Nyaruguru kubona inguzanyo yishyurwa yo guhinga icyayi ku buso bwa hegitari 3 000.

V. UMUSOZO

Nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 168 y'Itegeko Nshinga, Inama y'Igihugu y'Umushyikirano iterana nibura rimwe mu mwaka igasuzuma ibibazo by'ingeri zose by'Abanyarwanda, harimo n'Ibyerekeye uko Igihugu n'ubuyobozi bw'ibanze bimeze, ndetse n'ibyerekeye ubumwe bw'Abanyarwanda.

Muri iyi nama ya Gatandatu y'Igihugu y'Umushyikirano, abari bayitabiriye, barimo n'abatumirwa bahagarariye ibihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda, abahagarariye Abanyarwanda baba mu mahanga (Diaspora), barabajije, batanga ibitekerezo n'ibyifuzo ku bijyanye n'aho tugeze muri gahunda y'Imbaturabukungu (EDPRS) n'ingamba zo kuyihutisha, ku ngamba zo kurwanya jenoside n'ingaruka zayo, ku ngamba zo guhashya ruswa, ku ngamba zo kugeza uburezi bw'icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye kuri bose no gutanga amasomo yose mu rurimi rw'Icyongereza.

By'umwihariko, iyi nama yabaye urubuga Abayobozi b'Uturere n'Umujyi wa Kigali bavugiyemo ibigwi ku mihigo y'umwaka wa 2008, kandi bahiga

iy'uwa 2009.

Na none, iyi nama ya Gatandatu y'Igihugu y'Umushyikirano, nk'izindi zayibanjirije, yatangijwe, iyoborwa kandi isozwa na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul KAGAME. Mu ijambo rye ryo kuyisoza (**reba umugereka wa gatatu**), yavuze iby'ingenzi bikurikira:

- Yashimiye abayitabiriye kandi bagatanga ibitekerezo byubaka, n'abayobozi bamuritse ibyakozwe mu mwaka wa 2008 kandi bagahiga ibyo bazakora mu wa 2009;
- Yavuze ko ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'iyi nama rizakorwa n'inzego ireba;
- TIG igomba gukoreshwa neza igatanga umusaruro, igafasha mu iterambere, imikorere yayo ikanozwa , ikaba koko uburyo bwo guhana ariko ikagirira Igihugu akamaro ;
- Isuku igomba kuba ikintu gihesha Igihugu cyacu isura nziza, ntigomba kugarukira mu Mujyi wa Kigali gusa no mu yindi mijyi, igomba guhinduka umuco, igahera hasi mu mashuri no mu miryango ; Minisiteri y'Uburezi , MINALOC na MINISANTE zigomba gukora ku buryo abana bakura bafite isuku n'ibiyishamikiyeho ;
- Yahamagariye Abanyarwanda gukoresha imbaraga zose bafite n'ubushake mu kwikemurira ibibazo bafite byose, bakivana mu bukene, bikagabanya guhora bakenera ababafasha ;
- Yashyigikiye igitekerezo cy'uko abantu bashyiraho ikigega abaturage bashyiramo amafaranga, bityo agakoreshwa mu ishoramari (investment), ariko bigakorwa ari uko bibanje kwigwa neza ;
- Yashoje ijambo rye yifuriza abitabiriye inama Noheli nziza n'umwaka mushya muhire wa 2009.

VI. IMIGEREKA

Umugereka wa mbere

Ijambo rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, KAGAME Paul, mu muhango wo gutangiza Inama ya Gatandatu y'Igihugu y'Umushyikirano, Kimihurura, Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko, tariki 18 Ukuboza 2008.

Nyakubahwa Perezida wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite;
Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;
Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe;
Banyakubahwa Baminisitiri;
Banyakubahwa Basenateri n'Abadepite;
Banyakubahwa muhagarariye Ibihugu byanyu n'Imiryango Mpuzamahanga mu Rwanda;
Banyacyubahiro mwese muri hano;
Banyarwanda, Banyarwandakazi.

Mwaramutseho mwese!

Duhuriye hano na none mu Nama y'Igihugu y'Umushyikirano ku nshuro ya gatandatu.
Nk'uko mubizi, iyi ni inama ifite uburemere bunini kuko ihuza abayobozi ku nzego zose kandi b'ingeri zose, baba abatuye hano mu Gihugu, ndetse n'ababa mu mahanga.

Ikigamijwe ni uko twese twasuzumira hamwe intambwe Igihugu cyacu kigezeho, tukanatanga ibitekerezo bigamije kurushaho kwihutisha iterambere.
Ibi binajyanye n'ihame Abanyarwanda biyemeje ryo kumvikana kuri za gahunda z'imiyoborere y'Igihugu cyacu (consensus building).
Uyu mwaka kandi, iyi Nama y'Igihugu y'Umushyikirano ihuriranye n' Inama Ngishwanama ya Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya jenoside, iteranye ku nshuro ya mbere.
Abashinzwe iyo Komisiyo baraza kutugezaho ingamba zo kurwanya jenoside n'ingaruka zayo, tukazitangaho ibitekerezo, ari nako twitegura kuzishyira mu bikorwa.

Nk'uko dukunze kubivuga kenshi, iterambere ry'u Rwanda n'Abanyarwanda rikeshwa Abanyarwanda ubwabo. Kandi nk'uko bimaze kugaragara, iyo benigihugu bagize uruhare mu iterambere ryacyo, bagahitamo ibyo bifuza gukora ndetse n'uburyo babikora mu nyungu zabo, bibahesha agaciro n'icyubahiro bakwiye.
Mu by'ukuri, igihugu gifite iterambere ariko bene cyo batagira agaciro n'ubwigenge nyabwo, iryo terambere riba ricagase; riba ari irya nyirarureshwa.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Hari byinshi dukomeje kugeraho, kubera ko twabyiyemeje kandi tukabikora. Hari n'ibindi tutashoboye kugeraho kubera impamvu ziduturukaho nk'Abanyarwanda, ariko hakabaho n'impamvu z'abibwira ko bazi ibitubereye kuturusha. Reka ntange urugero.

Hashize imyaka icumi twemeranyije politike yo gutuza Abanyarwanda mu midugudu kuko ari yo itubereye. Ariko kugeza ubu Abanyarwanda bangana na makumyabiri na babiri kw'ijana (22%) gusa ni bo batuye mu midugudu.
Ibi bigaragaza ko Abayobozi, mu nzego zinyuranye, bagifite ikibazo gikomeye cyo gushyira mu bikorwa gahunda ziba zaremejwe. Bagahitamo kutiteranya aho gushyira imbere ibizamura Abanyarwanda bose. Bakananirwa kumvisha abaturage ikibafitiye inyungu z'igihe kirekire, aho kugira ngo batsimbarare ku mikoreshereze y'ubutaka ya gakondo.
Nyamara mwibuke ko kera abantu bo mu muryango umwe baturaga hamwe begeranye. Bikabafasha kwisungana kurushaho.

No mu mahanga yateye imbere, ni ko bakibigenza. Abanyamahanga batubeshya ngo gutura mu midugudu ni bibi, bo ni yo baturamo. Ese harya ni bo bazi inyungu zacu kuturusha? Ni bo bazi ibitubereye? Twakwiha dute agaciro tugikurikiza ibyo baduhitiramo?
Murabizi tumaze igihe turi mu ntambara n'abifuza ko ako gaciro tutakagira kubera agasuzuguro badufitiye. Akenshi bifashisha ngo ko turi Igihugu gikennye, gihora giteze amashyi, gisaba imfashanyo. Ibyo bikaba urwitwazo rwo kutubuza epfo na ruguru, bakanadushyiraho ibyaha bahimba, kandi mu by'ukuri bazi abakoze ibyo byaha.

Ibyo ntabwo dukwiriye kubyemera, kandi tuzabirwanya kugeza aho ukuri gutsindiye!

Tugomba gukora ibishoboka byose rero tugashyigikira iyo nzira, tukagira umuco wo kwirwanaho, wo kwiteza imbere no kwihesha ishema.
Ni yo mpamvu mu biganiro biteganyijwe uyu munsi, n'imihigo bazatugezaho ejo, twese dukwiye gutanga ibitekerezo nta kwishisha, tuganisha ku ngamba zidufasha kugera ku ndangagaciro twahisemo mu cyerekezo twiyemeje.

Muri iyi minsi ibiri, hari byinshi tuzunguranaho ibitekerezo, tukavanamo imyanzuro izadufasha kurushaho kwihutisha iterambere ry'Igihugu cyacu.

Mu by'ingenzi iyi Nama izibandaho, harimo:

- *Gusuzuma aho tugeze muri gahunda y'Imbaturabukungu (EDPRS) n'ingamba zo kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ryayo;*
- *Ingamba dufite zo kugera ku miturire myiza igendanye n'iterambere twifuza;*
- *Ingamba zo kurwanya jenoside n'ingaruka zayo, tukanasuzumira hamwe isozwa ry'imirimo y'Inkiko Gacaca, ndetse n'imikoreshereze mibi y'amahame y'ubutabera mpuzamahanga (universal jurisdiction) n'ibibazo bitera;*
- *Ingamba zo guhashya no guca burundu ruswa;*
- *Ingamba zo kugeza uburezi bw'icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye (Tronc commun) kuri bose no gutanga amasomo yose mu rurimi rw'Icyongereza.*

Icyo dukwiye kuvana muri ibi biganiro ni ingamba zihamye, zigaragaza ibikorwa tugomba guhagurukira. Ibyo bigashingira ku ngufu zacu, Abanyarwanda, inkunga z'inshuti zacu zikaza zitwunganira.
Tuzirikane ko tutazagira agaciro tukiri mu bibazo by'ubukene, ruswa, amacakubiri, imiturire mibi idatuma dukoresha ubutaka bwacu neza, ngo amashuri, amavuriro, n'ibindi bikorwaremezo byegere abaturage.
Na none ntitwagira agaciro abana bacu batize neza uko bikwiye ngo bajijuke, bakorane umurava n'ubuhanga, bashobore gupigana ku masoko mpuzamahanga, bifitiye icyizere.

Banyarwanda;
Banyarwandakazi;
Batumirwa mwese.

Mu byo iyi Nama izunguranaho ibitekerezo, harimo kutumurikira ibikorwa byagezweho byari biteganyijwe mu Mihigo Uturere twahigiye kugeraho muri uyu mwaka.

Nagira ngo mbonereho umwanya wo kwibutsa Abayobozi ko Imihigo ari uburyo bwiza bw'imikorere, butuma abaturarwanda babona serivisi nziza bagenewe, kandi bufite isoko mu muco wa Kinyarwanda.
Dukwiye rero guha Imihigo agaciro ikwiriye, kandi ibikorwa twiyemeje kugeraho tukabifata nk'intego tugomba kugeraho mu gihe cyagenwe.

Ibikorwa by'Imihigo bikwiye gusakara n'ahandi mu nzego za Leta. Nk'uko hariho itsinda ry'abagenzura uburyo Uturere twashyize mu bikorwa ibyo bari bariyemeje, Inzego zishinzwe gusuzuma buri mwaka imikorere ya za minisiteri n'ibigo bya Leta zikwiye gushyiraho uburyo buhamye, hakajya hamenyekana abagize ibikorwa by'indashyikirwa kurusha abandi.
Ababigeraho bakabishimirwa koko. Abatarubahirije inshingano zabo nabo bakabibazwa, kandi bikabagiraho ingaruka, bityo bigatuma n'abandi bose bikubita agashyi.

Nkaba ngira ngo nsoze mbasaba mwese gutanga ibitekerezo byanyu mu bwisanzure, nta kwishisha. Ni bwo iyi Nama izakomeza kuba ingirakamaro.

Mbifurije mwese Inama nziza.

Umugereka wa kabiri

IKIGANIRO CYA NYAKUBAHWA MINISITIRI W'INTEBE MU NAMA YA GATANDATU Y'IGIHUGU Y' UMUSHYIKIRANO : "Ishyirwa mu bikorwa ry'Imyanzuro y'Inama ya gatanu y'Igihugu y'Umushyikirano" : Kigali , kuwa 18/12/2008

Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika kubera umwanya mumpaye ngo mbagezeho uko imyanzuro yafashwe n'Inama ya Gatanu y'Igihugu y'Umushyikirano yashyizwe mu bikorwa.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,
Nyakubahwa Perezida wa Sena,
Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,
Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga,
Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,
Ba Nyakubahwa ba Guverineri b'Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali,
Ba Nyakubahwa Basenateri,
Ba Nyakubahwa Badepite,
Ba Nyakubahwa Muhagarariye Ibihugu n'Imiryango Mpuzamahanga mu Rwanda,
Bayobozi muhagarariye Inzego z'Ibanze,
Batumirwa mwese,
Banyarwandakazi, Banyarwanda,

Twakwibutsa ko Inama ya Gatanu y'Igihugu y'Umushyikirano yabaye ku matariki 27-28 Ukuboza 2007 yibanze ku guhindura imyumvire n'imikorere y'Abanyarwanda kugira ngo twihute mw'iterambere, by'umwihariko iterambere mu bukungu.

Inama yatangiwemo ibitekerezo byinshi by'ingirakamaro byakubiwe mu myanzuro 19 ishingiye kuri za nkingi enye za Gahunda ya Guverinoma,

nkaba ngira ngo mbagezeho muri make uko iyo myanzuro yashyizwe mu bikorwa.

Mbere y'uko njya ku myanzuro nyir'izina, nababwira ko n'ubwo bitoroshye gutanga ibipimo mu mibare byerekana uburyo Abanyarwanda bahindutse mu myumvire no mu mikorere, hari ingero hirya no hino mu Rwanda z'uburyo Abanyarwanda bagenda bishakira ibisubizo bimwe na bimwe bidasanzwe kandi bikwiranye n' ibibazo bahanganye nabyo, zerekana imihindukire mu myumvire n'imikorere.

Ibyo bisubizo bidasanzwe kandi bikwiranye n'ibibazo by'Igihugu cyacu Abanyarwanda bagenda bihangira, abayobozi bo mu nzego z'ibanze babiboneye akazina keza cyane « Udushya ».
Ubu buri wese mu mikorere ye, agerageza gushaka « udushya » no kwigira ku byo abandi bagezeho. Ni ibintu bishimishije cyane, nkaba nizera ko ubwabo bazabona umwanya wo kubibagaragariza, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, mu gihe cyo kwesa imihigo.

Kuba kandi ubukungu bw'Igihugu cyacu bukomeza kugenda butera imbere buri mwaka, ubu tukaba twiteze ko buziyongeraho (G.D.P) 8.5% ni icyerekana ko ubushake bwo gukorana umwete buhari, kugira ngo Abanyarwanda na Leta yabo bazagere aho bareke guhanga amaso abaterankunga.

ICYICIRO CYA MBERE

A. MU RWEGO RW'IMIYOBORERE MYIZA

Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ya Gatanu yari yatugiriye inama nyinshi, nkaba navugamo nko:

- Guhindura imyumvire, Abanyarwanda ntibakomeze guhanga amaso abaterankunga ;
- Kwihutisha gahunda yo gutura mu midugudu mu cyaro no kuboneza imiturire yo mu mijyi ;
- Guha imbaraga gahunda y'Itorero.

IBYAKOZWE

- Ku birebana no **guhindura imyumvire hari ibikorwa byinshi bimaze kugerwaho ku nzego zinyuranye, kuva ku muryango kugeza ku rwego rw'Igihugu, abantu usanga bihatira kubanza kwishakamo ubushobozi basanganywe cyangwa ubwo bashobora kwihangira, kandi ugasanga koko bagenda bikemurira ibibazo bari bafite.**

✓ Iyo urebye hirya no hino mu Gihugu, usanga abaturage, bafatanyije n'abayobozi babo, barahagurukiye gushyira imbaraga zabo hamwe, bakaba bamaze kwigeza ku bikorwa bitajyaga kwikora, cyangwa se byajyaga gusaba amafaranga atari make, wenda batashoboraga no kubona iyo bashaka gutegereza ak'imuhana ; hari abashoboye :

- kwiyubakira imihanda n'amateme ;
- kwishyiriraho amavuriro/ Postes de santé /health centers;
- kwikorera ingombyi ziheka abarwayi mu buryo butavunanye, kandi budasaba abantu benshi, bityo abenshi bagashobora kwikorera imirimo yabo n'igihe hari umurwayi urembye mu mudugudu ;
- kubakira abatishoboye,
- hari n'urugero nabaha rw'ahantu mperutse gusura mu Karere ka Nyamagabe, mu Murenge wa Musange, aho abaturage bashoboye kwishyira hamwe biyubakira urugomero ruto rubaha amashanyarazi ; (yageze kuri Centre y'Ubucuruzi, Ishuri, ikigo Nderabuzima kandi ashobora gukoreshwa mu ngo 500);

Uretse ingero nk'izo zifatika kandi zihita zigaragaza, nahisemo guheraho, hari imbaraga zashyizwe muri gahunda nini y'impinduramatwara mu buhinzi usanga imaze kumvikana,

- haba mu guhuza imirima (land consolidation),
- haba mu guhuza imirima no guhinga igihingwa kimwe muri iyo mirima yegeranyijwe (land and crop consolidation),
- gukoresha inyongeramusaruro,
- kurwanya isuri, n'ibindi, ku buryo igihugu cyose gitangiye kwitamiriza **udusozi ndatwa.** Mu gihe gito iyi gahunda imaze itangiye, haragaragara ku buryo budasubirwaho akamaro kayo mu kongera umusaruro.

Mu gihembwe cy'ihinga gishize, umusaruro w'ubuhinzi wiyongereyeho 19,4%, ibyo bikaba byaratumye, mu gihe mu bindi bihugu byacikaga kubera ibura ry'ibiribwa, Igihugu cyacu muri rusange nta kibazo cy'inzara cyahuye nacyo, tukaba nta n'icyo tuzagira kuko no muri iki gihembwe cy'ihinga twizeye imusaruro uhagije.
Hano na none umuntu ntiyabura no kuvuga akamaro ka gahunda y'akarima k'Igikoni kamaze kwitabirwa n'abaturage benshi mu kuboneza imirire, kakaba kamaze guca « Bwaki » henshi mu Rwanda.

✓ Iyo ntambwe itewe mu gihe gito ndahamya ko igiye kurushaho gufata umuvuduko kuko ubuyobozi bubishyizemo imbaraga, Leta ikaba ikomeje kubishyiramo ubushobozi buhagije kugira ngo ubuhinzi buvuguruye busakare mu Gihugu cyose.

✓ Ibi kandi bikorwa mu buryo bw'iterambere rikomatanyije mu nzego zose z'amajyambere, hifashishijwe gahunda nyinshi nka :
- gahunda ya Girinka,
- Ubudehe,
- kwibumbira mu makoperative, n'izindi, ku buryo abaturage ubwabo bagenda bitangira ubuhamya bw'impinduka mu buzima bwabo bishingiye ku gutekereza ukundi bishakamo ubushobozi no kutarambiriza ku bivuye ahandi.

Aho nagira ngo munyemerere, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, mbagezeho ubutumwa duhabwa n'abaturage mwagabiye muri gahunda ya Girinka bo mu Turere dutandukanye, babashimira byimazeyo kandi babizeza ko bazabitura.

✓ Hari n'izindi gahunda zimaze kugaragaza uruhare rwazo mu gufasha Abanyarwanda kwirangiriza ibibazo byabo batarindiriye imfashanyo zo hanze, nkaba navuga:

- Nk'Umuganda, muri uyu mwaka ibikorwa byakozwe mu rwego rw'umuganda rusange wa rimwe mu kwezi kugeza mu Ukwakira bibarirwa agaciro kagera hafi kuri **miliyari eshanu (4.852.758.196 Frws)**.
- Hari na Koperative yo Kuzigama no Kugurizanya y'Abarimu (Umwarimu SACCO) yatangiye ibikorwa byayo muri uyu mwaka, ikaba imaze gaha

abarimu batari bake inguzanyo zibafasha kwikemurira ibibazo birimo kwiyubakira amacumbi, kurihira abana amashuri n'ibindi.

✓ Urebye ibi byose bigaragaza ubushake buriho n' ingaruka nziza guhindura imyumvire mu byo dukora bifite ku bipimo by'iterambere ry'ubukungu, bikomeje kwiyongera.

- Ku birebana no **gutura mu midugudu,** haracyari byinshi byo gukora. Kugeza ubu bigaragara ko imbaraga nyinshi zashyizwe mu bukangurambaga, abaturage basobanurirwa ibyiza byo gutura mu midugudu, ariko umubare w'abayituyemo rwose uracyari hasi.
  Ingamba Guverinoma yafashe ni uko buri muturage ugiye kubaka urugo rushya atura ahagenewe umudugudu, ku buryo n'amazu yubakirwa abatishoboye ari ho yubatswe. Nyamara ariko, igihe cyarageze ngo dutere indi ntambwe kugira ngo Abanyarwanda benshi bature mu midugudu.
  Ibi ni kimwe mu biteganyijwe kuganirwaho muri uyu mushyikirano w'Abanyarwanda kugira ngo iyi gahunda ifate umurongo ntakuka kandi yihutishwe.

- Ku bijyanye n'**imiturire yo mu mijyi,** Guverinoma yafashe ingamba ko imijyi yose yagira Ibishushanyo Mbonera, imijyi ntikomeze kubakwa mu kajagari.
  Ni muri urwo rwego Ibishushanyo Mbonera (Conceptual plan) by'Umujyi wa Kigali na Karongi byemejwe, hakaba hanononsorwa (physical plan) uburyo bwo kubishyira mu bikorwa.
  Ibishushanyo Mbonera by'iyindi Mijyi nka RWAMAGANA, NYAGATARE na RUSIZI nabyo byarateguwe ntibiremezwa.

  Hagati aho ariko gahunda zo kwita ku myubakire y'amazu no ku isuku y'imijyi yacu n'ahandi hose zirakomeza ku buryo, nk'uko mwabyiyumviye, Umujyi wa Kigali uyu mwaka wegukanye igihembo cy'umujyi ufite isuku kandi ufashwe neza, gitangwa n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Miturire.

- Ku bijyanye no guha imbaraga Itorero,

✓ Twiyemeje ko buri Munyarwanda yazaca mu Itorero. Muri uyu mwaka abamaze kunyura mu Itorero ni abarimu bose b'amashuri abanza n'ayisumbuye (43.670), Abanyamabanga Nshingwabikorwa bose b'Imirenge, abanyeshuri 175 biga hanze n'abanyeshuri 6.000 bitegura kwinjira muri Kaminuza zo mu Rwanda.

✓ Hateganyijwe ko buri Mudugudu uzakora Itorero, bikaba ari uburyo bworoshye, bwihuse kandi buhendutse buzatuma abantu benshi bajya mu Itorero (kuko Intore zahuguwe arizo zizagenda zigira uruhare mu kuzamura Itorero mu Midugudu).

ICYICIRO CYA II

B. MU RWEGO RW'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

Inama ya Gatanu y'Igihugu y'Umushyikirano yasabye:

- Kurangiza ikibazo cyo kubakira amacumbi abacitse ku icumu batishoboye;
- Kwihutisha ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9 (9 years basic education);
- Gukangurira ababyeyi, abarimu n'abayobozi b'inzego z'ibanze kwita ku burere bw'abana;
- Hari hafashwe n'imyanzuro ijyanye no gushyiraho ibipimo ngenderwaho mu gushinga amashuri, gukemura ikibazo cya UNILAK, guhuza kalendari na porogaramu by'amashuri yo mu Rwanda n'iya EAC, kuboneza urubyaro.

IBYAKOZWE

Ku bijyanye n'**amacumbi y'abacitse ku icumu batishoboye:**

Ayabaruwe akenewe	: 15.122
Ayatangiye kubakwa	:12.163=80%
Ayuzuye	:5.857=39%
Ageze muri finishing/finissage	:4.742=31%

Ageze mu gusakara	: 1.024=7%
Aho inkuta zizamurwa	: 540=14%
Ataratangira	:2.959=19%

Mu buryo bwagutse, Guverinoma yiyemeje gukemura ikibazo cy'abatishoboye batagira amacumbi bari mu byiciro: Icy'Abacitse ku icumu, Abahejwe inyuma n'amateka, Abavuye muri Tanzania, Abandi batishoboye muri rusange.

Ni muri ubwo buryo hari gahunda yatangiye uyu mwaka yo kubaka amacumbi 26.049 y'abatishoboye (habariwemo nyine n'ariya 15.122 navuze).

Guverinoma ikaba yarasohoye amafaranga agera kuri 8.171.677.540 yo kugura ibikoresho by'ubwubatsi (isakaro, sima, inzugi n'amadirishya), byashyikirijwe Uturere kugira ngo byunganire imbaraga z'abaturage n'iz'abandi bafatanyabikorwa bitabiriye iyo gahunda.

Akaba ariyo mpamvu n'ibijyanye n'igenzura ry'uburyo ayo mafaranga akoreshwa n'uko amazu yubakwa byashyizwemo ingufu ku buryo hari bamwe batandukiriye batangiye kubiryozwa.

Nubwo rero hari ingorane zakomye mu nkokora iyo gahunda ku buryo itabashije kurangirira igihe, intego dufite ntihinduka, kuko Guverinoma yacu icyo yiyemeje ikigeraho nta shiti. Byanze bikunze, TURAKIRANGIZA-TUZIHUTA.

Ku birebana na **gahunda y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka icyenda,** hamaze kwemezwa gahunda n'ingamba zo kubishyira mu bikorwa, ku buryo ejo bundi muri Mutarama 2009 iyi gahunda izatangira mu Rwanda hose, ku buryo umubare munini w'abana bazajya bahita bakomeza icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye.

Ibi tuzabishobozwa n'ingamba z'ingenzi zuzuzanya zo gukoresha neza ibyumba by'amashuri n'abarimu dusanganywe ndetse n'uburyo bushya bwo kwiga neza.

Uretse rero Ibyumba by'amashuri byubakwa hirya no hino nka 540 byuzuye mu ikubitiro, hari :

- Uko abana bamwe bazajya biga mu gitondo abandi nimugoroba

(double shift),

- Umwalimu kwigisha isomo ahugukiwe kurusha (specialisation),
- Kugabanya amasomo yigishwa, ubu azava ku 9 ajye kuri 5 mu cyiciro cya mbere no kuva kuri 12 agere kuri 6 mu cyiciro cya kabiri cy'amashuri abanza.

Ibi na none ni bimwe mu bituganisha mu cyari cyasabwe nacyo mu rwego rwo guhuza gahunda na programme muri EAC mu gihe itsinda ry'impuguke ryashyizweho n'ibihugu uko ari 5 rigisuzuma icyakozwe muri rusange mu burezi.

Ku bijyanye no **gukangurira ababyeyi, abarimu n'abayobozi b'inzego z'ibanze kwita ku burere bw'abana**, bifashishijwe uburyo bunyuranye kugira ngo buri wese ashobore gusobanukirwa no gushyira mu bikorwa inshingano ze :

Abitabiriye Itorero (abarimu, abayobozi, ...) bungutse indangagaciro zijyanye no kwita ku burere bw'umwana, guha icyerekezo cyiza imibereho ye no kumurinda ibyamuganisha mu ngeso mbi, kandi biyemeza kubishyira mu bikorwa no kuba abahwituzi nyabo k'uwo ari we wese waba ashaka kubirengaho;

- Hari Komite kuri buri shuri ihuriwemo n'ababyeyi, abarimu n'abahagarariye ubuyobozi. Izi Komite zikomeje kuba urubuga rwo guteza imbere uburezi n'uburere, ukaba n'umwanya wo kwisuzuma no gufata ibyemezo ku bigomba gukosorwa;
- Ibigo byinshi by'amashuri byashyizweho za clubs zihuza abanyeshuri n'abarezi babo (clubs zo kurwanya SIDA, iz'uburenganzira bwa muntu, izo kurwanya jenoside, n'izindi.);
- Mu mihigo y'umuryango n'iy'imidugudu, ababyeyi bashyize mu mihigo yabo ibijyanye no kwita ku burere bw'abana babo.
- Polisi y'igihugu nayo yakajije umurego wo gukorana n'abayobozi b'amashuri no kuganira n'urubyiruko hagamijwe kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge.

Ku bijyanye n'IBIPIMO-STANDARDS mu burezi:

- Nishimiye kubamenyesha ko, nk'uko byari byasabwe, uyu mwaka urangiye dufite ibipimo ngenderwaho mu burezi kuva mu mashuri y'incuke, kugeza muri za Kaminuza, byerekana ibisabwa kugira ngo ishuri ribe ryujuje ibyangombwa (standards). Hasigaye kubishyira mu bikorwa;
- Inama y'Umushyikirano iheruka yari yasabye Guverinoma gukemura ikibazo cy'impamyabumenyi zitangwa na UNILAK.
  Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 18/1/2008 yashyikirijwe raporo y'Inama Nkuru y'Amashuri Makuru (H.E.C), isanga UNILAK hari ibyo itari yujuje, ishyiraho gahunda yo kuyifasha kubyuzuza,
  Ikomeza kubikurikirana kugeza ubwo isanze ibyasabwaga byarujujwe, Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 12/12/2008 iyiha uruhushya rwa burundu rwo gukora (definitive operating licence) nk'Ishuri Rikuru (ariko ritari University) higher learning institution;

✓ Ku birebana no kuringaniza urubyaro, hakomejwe ubukangurambaga na services zitangwa ku buryo ubwitabire bugenda buzamuka n'ubwo butaragera ku kigero twifuza, kuko bikiri kuri 37%.

ICYICIRO CYA III.

C. MU RWEGO RW'UBUTABERA

Mu rwego rw'**ubutabera**, Inama ya Gatanu y'Umushyikirano yariyashyigikiye ko amwe mu madosiye y'abakurikiranyweho icyaha cya jenoside bo mu rwego rwa mbere yashyikirizwa Inkiko Gacaca, inasaba inzego zibishinzwe kwihutisha ishyirwaho ry'Abakomiseri ba Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside. Inama yahamagariye kandi abagize Diaspora gufasha mu gikorwa cyo gukurikirana abaregwa Jenoside bacumbikiwe n'ibihugu barimo.

IBYAKOZWE

- Ku byerekeranye na **Gacaca**,

✓ Mu kwezi kwa Gicurasi 2008 hatowe Itegeko Ngenga N° 13/2008 (rihindura kandi ryuzuza n° 16/2004).

- Amadosiye yose yarabaruwe, hamenyekana agomba kuburanishwa

n'Inkiko Gacaca agera kuri **9.326**, n'agomba kuburanishwa n'Inkiko zisanzwe agera kuri **1.872**. Amadosiye **1.265** nayo yari mu Nkiko zisanzwe n'iza Gisilikare yimuriwe muri GACACA=10.581.

✓ Iburanisha ryatangiye tariki ya 23 Kamena 2008. Mu mezi 5 gusa, ni ukuvuga kugeza tariki ya 30/11/2008 ayari amaze kuburanishwa ni **4.740**, ahwanye na **45%**.

- Ku birebana n'**itangizwa ry'imirimo ya Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside,**

✓ Abakomiseri n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo bashyizweho, ihabwa n'abandi bakozi ku buryo Komisiyo ubu yatangiye imirimo yayo.

- Ku byasabwe nk'uruhare rwa Diaspora mu gikorwa cyo gukurikirana abaregwa Jenoside bakihishahisha mu bihugu byo hanze,

- Munyemerere mpere ku mbaraga Abanyarwanda bo muri Diaspora bagaragaje mu minsi ishize bifatanya n'abandi Banyarwanda mu bibazo Igihugu cyacu gihanganye nabyo nyuma y'ifatwa ridakurikije amategeko ry'Umuyobozi Mukuru wa Protocol ya Leta, Madamu Rose KABUYE.
  Ibi birerekana intera Diaspora yacu igezeho mu kugira uruhare mu bireba Igihugu cyabo, mu kwanga AKARENGANE, AGASUZUGURO, kototera UBUSUGIRE bw'Igihugu cyabo, KUYOBYA UBURARI, bikorwa n'ibihugu bikize mu gihe hari icyo byakabajijwe ku byo byakoze-byangije mu RWANDA no muri AFURIKA muri rusange.

✓ Ikindi abagize Diaspora basabwaga by'umwihariko, ni ukugira uruhare mu kugaragaza abaregwa jenoside bihishe hanze. Ibi byarakozwe.

✓ Bamwe mu bagize Diaspora batanze amakuru yatumye Ubushinjacyaha Bukuru bubasha gukora urutonde rw'abantu bagera kuri 305 bagomba gushyikirizwa ubutabera, kubera uruhare bagize muri Jenoside y'Abatutsi bakaba bidegembya mu bihugu barimo.

ICYICIRO CYA IV

D. MU RWEGO RW'UBUKUNGU

Mu rwego rw'**Ubukungu**, Inama ya Gatanu y'Igihugu y'Umushyikirano yatugiriye inama yo:

- guhindura imitekerereze mu bijyanye n'umurimo, umurimo ukagenerwa igihe gihagije kandi ukaba umurimo ugamije umusaruro;
- Inama yasabye kwifashisha, aho bishoboka hose, TIG na HIMO nk'imbaraga twifitemo.
- Hongeye gushimangirwa ko habaho ubufatanye n'ubwuzuzanye hagati ya Leta n'abikorera, abantu benshi bagahabwa urubuga kandi bakoroherezwa gushora imari mu Rwanda, duhereye no ku Banyarwanda bari muri Diaspora.

IBYAKOZWE

- Ku bijyanye no **kuvugurura imikorere, umusaruro ugashingira ku bipimo bifatika**, imikorere ishingiye ku mihigo imaze gusakara mu nzego nyinshi, ibi bikaba ari byo bizajya bigaragaza umusaruro wa buri rwego, uwa buri serivisi n'uwa buri mukozi.

  ✓ Muri urwo rwego, hatanzwe amabwiriza ajyanye n'**uburyo bushya bwo gukora isuzumamusaruro** w'abakozi ba Leta hashingiwe ku bipimo bifatika bigomba kugerwaho kandi byumvikanyweho n'impande zombi **(performance contract)**, hagati y'umukozi n'umukoresha. Ibizava muri icyo gikorwa bikaba bizamenyekana mu minsi iri imbere **nyuma y'isuzuma ry'umwaka,** ubu ririho rikorwa mu nzego zose za Leta;

  ✓ Ubu buryo bwatangiye gukoreshwa, ariko nkaba ntabura kuvuga ko igenzura ryakozwe ryasanze **hari inzego, ahari zitari ziteguye neza**, ku buryo amasezerano hagati y'umukozi n'umukoresha (performance contract) atahise asinywa mu ntangiriro z'umwaka, nk'uko byagombaga kugenda, ariko noneho **abantu bose bakaba bamaze kumva ikigomba gukorwa,** ku buryo mu ntangiriro

z'umwaka utaha wa 2009 ayo masezerano azakorwa mu nzego zose.

- Ku birebana no **gukangurira Abanyarwanda guhagurukira umurimo,** navuga ko ari ishantiye yatangiye ariko tugikomeza kubaka.

  ✓ Hari abamaze kubyumva rwose ubu bamaze gukataza, aho usanga hari Uturere **twashyizeho abahwituzi b'umurimo babyutsa abaturanyi babo kugira ngo batangire umurimo hakiri kare;**
  ✓ Ndetse no mu nzego za Leta, henshi Abayobozi n'Abashinzwe abakozi bashyize umwete n'umurego ku bijyanye n'iyubahirizwa ry'amasaha y'akazi, cyane cyane gutangirira igihe no kudahagarika imirimo nko muri GASUTAMO 24/24hrs.
  ✓ No mu rwego rw'abikorera, igihe cyahawe agaciro nko mu bacuruzi hari amaduka atari make asigaye afungura kugeza mu masaha tutari dusanzwe tumenyereye. Muri za Banki ho ngira ngo bimaze kuba akamenyero.
  ✓ Cyakora aho hose Ikigikenewe gukomeza kunozwa ni serivisi zitangwa.
  ✓ Na none kandi hari **ibyiciro usanga bikeneye gufashwa,** nk'urubyiruko, hakoreshejwe gahunda z'amahugurwa agamije kwigisha Abanyarwanda benshi **imyuga ikenewe** mu Gihugu (TVET Program) kandi ishobora gutunga abayikora; kwigisha abantu **kwikorera imishinga** ndetse no **gukorana n'ibigo by'imari;** gahunda za HIMO n'Ubudehe.
  ✓ By'umwihariko hashyizweho muri buri Karere Urwego rushinzwe **gukangurira no gufasha abaturage** Ibijyanye n'ubucuruzi bukorewe imbere mu Gihugu (BDS), ubu ndetse mu Turere 13 hakaba hamaze gushyirwaho Urwego nk'urwo rufasha noneho abaturage kwinjira mu **bucuruzi burenga imbibi** z'Igihugu cyacu (Trade Points).

- Ku birebana n'**uruhare rwa TIG,** uyu mwaka ubu buryo bwafashe intera iri hejuru,

  ✓ Kuko yakoreshejwe mu buryo bwo gushyira mu bikorwa **imishinga inyuranye** nko gukora amaterasi y'indinganire, gukora imihanda,

gutunganya ibishanga, kubaka amazu y'abatishoboye, kubumba amatafari, amategura, n'ibindi.

- ✓ Inyungu yavuye muri iyo mirimo yakozwe na TIG irakabakaba miliyari icyenda n'igice **(9.446.870.751 Frw).**

Ku birebana no gukorana mu bwuzuzanye hagati y'abafatanyabikorwa mu Iterambere, **Leta yagize ihame iyi mikorere** mu nzego nyinshi, mu mishinga itandukanye, iminini n'imitoya:

- ✓ Hashimangiwe ubufatanye bw'inzego za Leta n'abikorera mu bikorwa by'ishoramari, muri urwo rwego **hakaba hari imishinga minini ubu irimo itangira** kandi izagirira Igihugu akamaro, nk'umushinga wa Methane Gas, Free Economic Zone, kubaka umuyoboro uzageza Peteroli mu Rwanda, n'ibigega, mu rwego rw'ubukerarugendo nk'amahoteli n'ibindi;
- ✓ Binyuze muri za **Joint Action Forums,** Uturere n'abandi bafatanyabikorwa bakomeje kunoza imikoranire mu igenamigambi no mu bikorwa nyir'izina;
- ✓ Hakomeje gushingwa za **Mini-RIGs** mu Turere, aho usanga ubufatanye bushimishije mu mishinga yo kuzamura Akarere;
- ✓ Hashyizweho Urwego rw'Iterambere mu by'Ubukungu n'Imibereho Myiza y'Abaturage,Rwanda Economic and Social Council (RESC), rushinzwe **guteza imbere no koroshya** uko gufatanya no kuzuzanya hagati ya Leta, abikorera n'Imiryango itari iya Leta.

- Ku birebana no **gushyigikira Diaspora kugira ngo igire uruhare mu ishoramari mu Rwanda** ibyakozwe ni byinshi, haba mu bijyanye no kubagezaho amakuru bakeneye, haba no kubakuriraho inzitizi kugira ngo babashe gukorera cyangwa gukorana n'abari mu Rwanda.

- ✓ Abanyarwanda bo muri Diaspora bamaze gushinga Sosiyete y'ishoramari yitwa **„G20/20 Investment"**, bakaba baratangiye gukusanya amafaranga yo gushora mu mushinga wo kubaka amazu i Kigali yo kugurisha.
- ✓ Amafaranga Abanyarwanda bari muri Diaspora bohereza mu Gihugu, yakomeje kwiyongera. Umuntu afashe urugero rwo muri iyi myaka 3 ishize, dusanga mu 2006, harinjiye **miliyoni 60 z'Amadorali,** muri 2007 hinjira **miliyoni 103,** naho muri uyu mwaka hateganyijwe

kwinjira agera kuri **miliyoni 150 z'Amadorali.**

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,
Ba Nyakubahwa muteraniye hano,
Banyarwandakazi, Banyarwanda,

- ✓ Ibi mbagejejeho ni bimwe mu by'ingenzi mu byakozwe, ariko mu **by'ukuri hari byinshi byagezweho** kuko ibyavuye muri iriya nama byagize ingaruka nyinshi ku mibereho y'Abanyarwanda muri rusange.
- ✓ Ibyo mbagejejeho ni umusaruro w'umwaka umwe w'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama ya Gatanu y'Igihugu y'Umushyikirano. Nta gushidikanya ko no mu minsi izakurikira, ibitekerezo n'inama byavuye muri iriya nama n'ibiva muri iyi bizakomeza gushyigikira iterambere.
- ✓ Mu nyandiko mwashyikirijwe, harimo agatabo mwahawe gakubiyemo **imbonerahamwe y'ibyagiye bikorwa** kuri buri mwanzuro. Mu rwego rw'isuzuma, tukaba twarifashishije amabara: icyatsi kibisi, umuhondo n'umutuku. Muri aka gatabo aya mabara arerekana uko tubona **igipimo** cy'uko umwanzuro runaka washyizwe mu bikorwa :

- Imyanzuro 11 iri mu ibara ry'icyatsi kibisi ni iyashyizwe mu bikorwa ku buryo bukwiye bushimishije, bwuzuye ;
- Imyanzuro 7 iri mu ibara ry'umuhondo ni iyashyizwe mu bikorwa mu buryo buringaniye ;
- Hari umwanzuro 1 uri mu ibara ry'umutuku, bivuze ngo uyu mwanzuro wa 6 wasabaga ko abanyeshuri barangije mu mashuri yo mu Rwanda bajya mu bihugu byateye imbere gukora « internship », uracyafite ibintu byinshi byo gukoraho kugira ngo icyari cyasabwe kigerweho. Kugeza ubu icyakozwe ni umushinga wa politiki wateguwe, ikaba ari yo nzira yari ngombwa kugira ngo ishyirwa mu bikorwa ry'uyu mwanzuro rishoboke.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

Ibi ni byo twifuzaga kubagezaho bijyanye n'uko imyanzuro yafatiwe mu Nama ya Gatanu y'Igihugu y'Umushyikirano yashyizwe mu bikorwa, ariko hakaba hari n'izindi raporo z'umwaka (zitagarukira kuri iyi myanzuro gusa) ziriho zitegurwa zizagaragaza mu buryo burambuye kurushaho intambwe twateye muri uyu mwaka,

- ✓ nkaba mboneyeho umwanya wo kubashimira Mwebwe Ubwanyu, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, uburyo Mwatuyoboye muri ibi bikorwa byose no mu zindi gahunda z'Igihugu.

- ✓ Nkaba nshimiye kandi n'abandi mwese mwabigizemo uruhare.

Murakoze.

Umugereka wa gatatu

Ijambo rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, KAGAME Paul, mu muhango wo gusoza Inama ya Gatandatu y'Igihugu y'Umushyikirano.

Nyakubahwa Perezida wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite;
Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;
Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe;
Banyakubahwa Baminisitiri n'Abanyamabanga ba Leta;
Banyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;
Banyakubahwa muhagarariye ibihugu byanyu n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda;
Bayobozi muhagarariye Inzego z'Ibanze;
Batumirwa mwese;
Banyarwanda; Banyarwandakazi.

Mbanze nshimire abitabiriye iyi nama bose ku bitekerezo byiza batanze

n'uruhare rugaragara bagize; nshimire kandi ba Mayors ku bikorwa byiza berekanye bakora, ndetse n'ibyo bafitiye imigambi umwaka utaha. Uyu mutima wo guhiganwa ukomeze bitari mu Turere gusa, ahubwo ukwire mu Bantu no mu zindi nzego. Icyo bigamije ni ugutuma abantu barushaho gukorera Igihugu, ariko nako biteza imbere. Imihigo ni umuco mwiza, itanga icyizere abayobozi baha Abanyarwanda n'Igihugu cyabo berekana aho kigana .

Sindibutinde mu magambo kuko ibyinshi byavuzwe, ariko hari ibitekerezo bimwe byakongerwa ku byatanzwe. Ngira ngo mbivugire aha ngaha, ndetse n'abantu bazabiganireho mu zindi nzego.

Hari ibyavuzwe kuri TIG. Mbona hari uburyo itanga umusanzu ku majyambere y'Igihugu, n'ubwo ituruka ku butabera , ariko ifite uburyo ikoreshwa muri iyo nzira. Kandi birumvikana duhereye ku bisobanuro bikurikira : nta mpamvu yo gufunga umuntu imyaka 20, umugaburira ntacyo akora ; ibyiza ni ukumukoresha akagira akamaro. Ahubwo ibyaba byiza kurusha ni ukureba uko TIG yaba « well managed » . Ndasaba Prime Minister gusuzuma uko TIG yaba "well managed". Ikindi gitekerezo ni uko yakwimurirwa muri "Internal Affairs" ikava muri "Justice", ku buryo ireka kuyizirika, kuko n'ubundi abantu baba bahindutse imfungwa, ibyo gucirwa imanza biba bisa n'ibyarangiye.

Icya kabiri nshaka gukoraho "comment" ni isuku. Isuku ihesha isura nziza u Rwanda n'Umurwa Mukuru w'Igihugu cyacu. Ariko ntigomba kugarukira gusa ku Murwa Mukuru; igomba kugera n'ahandi. Kugira isuku bigomba guhinduka umuco, bigomba guhera hasi mu bana, bigakomeza mu rubyiruko; kuko batarerewe muri uwo muco , ntiyaba ari "sustainable". Ndibutsa cyane abarezi bo mu mashuri, ariko n'ababyeyi babyumvireho. Kuko mu mashuri ngenda ndeba, ntirayatozwamo, haba mu ya Leta cyangwa ay'abikorera. Ndasaba by'umwihariko MINEDUC, ndetse na MINALOC na MINISANTE n'izindi nzego kubikurirana. Ariko isuku ifite ibindi ishamikiyeho, na byo ni ukubyitaho bihagije.

Nshoje mvuga ko byumvikanye ko Abanyarwanda tugomba gukoresha imbaraga zacu zose dushaka gukemura ibibazo bijyanye n'imibereho yacu , ubukene butwugarije, ariko bigatuma twivana mu guhora tubeshejweho

n'abandi.

Ku gitekerezo cyatanzwe uwavuye muri Diaspora kivuga ko harebwa uburyo bwo gushyiraho "Development Fund", ibyo bishobora gukorwa, kuko hari n'ibihugu bimwe bitari iby'Uburayi bimaze gukorerwamo. Byose bituruka ku bushobozi tugenda twubaka. Kuko, nk'uko bigaragara mu bihugu byabikoze, habonetse "sovereign wealth fund ", ndetse igenda igoboka ibihugu byitwa ko byateye imbere biri mu ngorane z'ubukungu. Iki rero ni igitekerezo cyiza cyakwigwaho neza; kuko uko cyakorwa, byatuma ibibazo bimwe bikemuka. Ariko uko fund yaboneka n'uko yajyaho byatekerezwaho.

Ndashima inama nziza mwagize, inama ishingiye kuri politike y'amajyambere twashyizeho n'inama ireberwamo uko iyo politike igenda ishyirwa mu bikorwa. Akenshi hari ibihugu bidindira bifite politike nziza, bikadindizwa n'uburyo bwo kuyishyira mu bikorwa.

Ndangije mbifuriza Noheli nziza, umwaka mushya uzababere umwaka w'ubuzima bwiza n'uw'ubukungu.